# AMAHIRWE ABONEKA MU KARERE KA KAMONYI

# Imiterere y'Akarere ka Kamonyi

| | |
|---|---|
| Imirenge | 12 |
| Utugari | 59 |
| Imidugudu | 317 |
| Ubuso | 655.5 Km |
| Abaturage | 403,574 |
| Ingo | 95,742 |
| Ubucucike | 616Hab./sq. Km |

NISR, 2012

# INTANGIRIRO

Mu rwego rwo guteza imbere ubukungu ndetse n'imibereho myiza, Leta y'u Rwanda yashyizeho gahunda zigamije kuzamura ubukungu n'imibereho myiza; muri zo hari icyerekezo 2020 (2020 vision) n'ibindi bijyana nacyo nka EDPRS; ndetse na gahunda zigamije kuzana impinduka mu bukungu, imibereho myiza n'imiyoborere myiza (NST1), Vision 2050

# CONT’D

- **Politiki zitandukanye nko guhuza ubutaka, guteza imbere amakoperative, Guhanga imirimo, Iterambere ry’Umujyi, Gutura mu midugudu, Girinka munyarwanda, Uburezi budaheza n’ibindi bigamije guteza imbere igihugu.**
- **Mu rwego rwo guteza imbere ishoramari abantu bashishikarizwa kwizigama(Ejo Heza LTSS), gukorana n’ibigo by’imari ndetse no kwishyira hamwe.**

# ITERAMBERE RYA KAMONYI

## Iterambere ry’ubuhinzi n’ubworozi:

| Ibipimo | 2019 |
|---|---|
| Ibishanga bitunganyije | 897 ha/4,056.9 ha |
| Ubuhinzi bw’umuceri | 563ha<br>6.9T/ha |
| Ubuhinzi bw’ibigori | 4500ha<br>3.5T/ha |
| Inganda zitonora kawa | 12 |
| Amakusanyirizo y’amata | 6 |

# ITERAMBERE RYA KAMONYI

## Iterambere ry’ubuhinzi n’ubworozi:

| Ibipimo | 2019 |
|---|---|
| Umusaruro w’amata/ukwezi | 540,000L |
| Inganda nto zitunganya ibigori | 6 |
| Uruganda rutunganya umuceri | 1 |
| Uruganda ruto rukora inzoga mu bitoki | 1 |
| Umushinga w’ubuhinzi bw’ibihumyo | 1 |

# ITERAMBERE RYA KAMONYI

**Bimwe mu byagezweho mu ishoramari n'inganda kugeza ubu:**

-Uruganda rutunganya umuceri n'urukora briquette za MRPIC Mukunguri;

-Isoko rya Kijyambere ry'abikorera (South Gate Bishenyi);

-Banki z'ubucuruzi 2 (BK, BPR ) n'ibigo by'imari iciriritse 4 (CLECAM, Inkingi SA, RIM, CPF INEZA ), SACCO mu Mirenge 12 na Umwalimu SACCO;

-Inganda (Kayumbu: Positive Impact ltd bakora inzoga y'ibitoki,Runda: Sunoil co. ltd itunganya amavuta y'ibihwagari rukanatunganya ubunyobwa; Bhalat Rwanda itunganya amazi

# ITERAMBERE RYA KAMONYI

**Bimwe mu byagezweho mu ishoramari n'inganda (CONT'D) :**

-Uruganda rutunganya amabuye/STONE CRAFT Ltd(Nyarubaka);

-AGAKIRIRO kamaze kubakwamo no kwitabirwa n'abakora ubukorikori (amakoperative 2);

-Ikimoteri Runda cyabonewe ugomba kukibyaza umusaruro (COPED);

-Station za Essence 7 (Runda 3, Gacurabwenge 3, Rugalika 1, n'ebyiri zirimo kubakwa muri Gacurabwenge na Musambira).

-Uruganda rukora imisatsi y'abagore(meche) mu murenge wa Runda

# ITERAMBERE RYA KAMONYI

- **Ibikorwa remezo n'imiturire:**

- Amazi (70% muri 2016) kandi harimo no kubakwa ku bufatanye na WASAC umuyoboro w'amazi wa Ntwali ugiye kuvana amazi Cubi akagera Musambira uzatwara hafi miliyari 2);
- Amashanyarazi (14.5% muri 2016);
- Hakozwe km6 bya "public lighting" (Runda na Gacurabwenge)
- Ubu kandi turishimira ko servise za REG zegerejwe abanyakamonyi kuko twahawe ishami rya EUCL Kamonyi risigaye rikorera imirenge yose;

# ITERAMBERE RYA KAMONYI

- **Ibikorwa remezo n'imiturire (CONT'D):**

- Hakozwe umuhanda w'amabuye (km 1.5);
- Akarere gafite amasoko manini 7 yubakiye(Musambira, Gashyushya, Mugina, Kayenzi, Gacurabwenge, Bishenyi na Manyana) n'amasoko mato 6 yubakiye (Rukoma, Karama, kazirabonde, Kigarama, Gacurabwenge, Marembo);
- Inyubako nshya y'Akarere na "Guest House" y'Akarere.

# ITERAMBERE RYA KAMONYI

- **Ibikorwa remezo n'imiturire:**

- Ibigo nderabuzima 13 n'imwe iri kubakwa, ibitaro bya Remera Rukoma, ibitaro by'amaso n'amavuriro na "poste de sante"34 zikora ;
- Igishusho mbonera cy'Umujyi n'iby'imidugudu byemejwe kandi hakagenzurwa ko byubahirizwa;
- Serivise z'ubutaka, imiturire zegerejwe abaturage ku buryo buri murenge ufite umukozi kandi ufite ububasha bwa Noteri w'ubutaka;

# ITERAMBERE RYA KAMONYI

- **HARI IBIGIKENEYE GUSHYIRWAMO IMBARAGA NO GUKORERWA UBUVUGIZI:**

- Kongera umubare w'abaturage w'abafite amazi n'amashanyarazi

| URWEGO | AHO TUGEZE | INTEGO ZA EDPRS KUGEZA 2015/2016 | INTEGO ZA EDPRS 2 KUGEZA 2017/2018 |
|---|---|---|---|
| AMAZI MEZA | 72% | 90% | 100% |
| AMASHANYARAZI | 39,3% | 50% | 70% |
| GUTURA MU MIDUGUDU | 47% | 56% | 70% |

- Kongera ingengo y'imari Akarere kagenerwa yo gufata neza imihanda mu rwego rwo kugeza umusaruro ku isoko (nta "feeder roads program" iragezwa mu Karere);
- Gushora imari mu buhinzi bw'umwuga, guhanga imirimo itanga akazi no gutunganya umusaruro.

## AMAHIRWE ABONEKA MU KARERE/OPPORTUNITIES

Akarere ka Kamonyi gafite amahirwe n'ibintu byinshi (opportunities & potentialities) bishobora gutuma gatera imbere byihuse:

- Imiyoborerere myiza na gahunda za Leta zigenewe abaturage;
- Guturana na Kigali Umurwa Mukuru w'Igihugu n'Umujyi wa Muhanga;
- Abantu batandukanye bitabira gutura mu Karere ka Kamonyi;

## AMAHIRWE ABONEKA MU KARERE/OPPORTUNITIES

- Igishushanyo mbonera cy'Umujyi no kunoza imiturire ijyanye n'igihe;
- Ubutaka bwera ibihingwa bitandukanye (ngengabukungu na ngandurarugo) harimo imboga n'imbuto;
- Amabuye y'agaciro (coltan, quartzite) n'ibikoresho byo kubaka nk'amabuye asanzwe, urugalika n'imicanga y'ubwoko butandukanye;

# CONT'D

- Ubworozi bw'amatungo manini, amato ndetse n'inzuki;
- Ubukorikori bugenda butera imbere;
- Umuriro w'amashanyarazi wamaze kugera mu Mirenge yose;
- Abacuruzi bitabiriye kuvugurura "centres" z'ubucuruzi;
- Abaturage bazi gukora kandi biganjemo urubyiruko/Ikigo cy'urubyiruko;

# CONT'D

- Ahantu nyaburanga na ndangamateka y'igihugu cyacu (Ijuru rya Kamonyi, amasuka ya Papa, ibitare bya Mashyiga, ibitare bya Mpushi, Urukaragata,…) bimwe bikaba byarashyizwe muri gahunda ya Tembera u Rwanda mu rwego rwo kubimenyekanisha ku bufatanye na RDB,
- Ku bitare bya Mashyiga hagiye gushyirwa icyapa na RDB kugirango hatangire gusurwa;
- Umuhanda munini wa kaburimbo unyura mu Karere hagati kandi ugendwa cyane.

# IMISHINGA YASHORWAMO IMARI

- Umushinga mugari w'ubuhinzi bw'imboga , indabo n'imbuto, kubyongerera agaciro no kubyohereza mu mahanga;
- Umushinga wo kugura imashini zihinga abaturage bakajya bazikodesha (uyu mushinga watangijwe n'Akarere gafatanyije na COPRORIZ);
- Uruganda rutunganya impu zikaba zabyazwa umusaruro (Akarere katanze isoko ry'inyigo ariko bizakorwa n'abikorera);
- Umushinga munini w'ubworozi bw'inkoko;
- Uruganda rutunganya fromage, yogourt, amavuta (beurre) n'ibindi biva mu mata;
- Uruganda (processing) rutunganya ubuki n'ibindi bikomoka ku nzuki;

# CONT'D

- Umushinga wo kwagura "Guest House" y'Akarere hubakwa amacumbi, ibibuga by'imikino, piscine n'ibindi byafasha abantu kuruhuka (ibikinisho by'abana);
- Umushinga wo guteza imbere ubukerarugendo bushingiye ku muco (hatunganywa za "historical sites" zigahuzwa n'imirimo ikorwa ishingiye ku muco nk'ububoshyi);
- Umushinga wo kubaka amazu aciriritse mu Karere (affordable housing);
- Umushinga wo gutunganya umucanga cg amabuye hagakorwamo "carreaux", ibirahuri,…
- Kubaka "gare routière".

# UMUSOZO

- Turashimira ubuyobozi bwiza bw'igihugu cyacu n'abanyakamonyi bitabira gushyira mu bikorwa gahunda za Leta no kwiteza imbere;
- Buri wese arasabwa kugira uruhare mu iterambere ry'Akarere binyuze mu kwiteza imbere, gushora imari mu Karere, kureshya abashoramari n'ibindi;
- Abahagaririye inzego zitandukanye (urugero: Inama Njyanama) basabwa gufasha abandi kuzamura imyumvire no kunoza imikorere;
- Gukomeza ubuvugizi ku bikeneye kongerwamo imbaraga nk'ibikorwa remezo n'ingengo y'imari.

# MURAKOZE